GUTEKEREZA NEZA

Umugabo ni uterekeza, kuko aba ari muzima.

IHAME RY' ICYUMWERU

"Uko umugabo atekereza" bigaragaza uburyo atekerereze. Ubwenge bwacu ni wo mutungo tugira, iyi ikaba impano itagira uyisobanukirwa byimazeyo, ariko tuzi icyo bukora buribaza, ndetse bukanashushanya. Kwibaza ni bimwe no kubara, bityo bikatwerekeza ku mvugo, imyumvire, cyangwa se ibyibandwaho, naho ibitekerezo-shusho bitugeza ku bitekerezo bifatika cyangwa ibishoboka.Usibye ko byombi bikorana ni ubwenge(mashini) bwacu , benshi twibanda / dukorera ku ruhande rumwe muri rumwe muzivuzwe haruguru.

Ubwo bamwe bibaza bityaye kandi bagakoresha ibyiyumviro byabo, bashobora kugira intege nke mu gutanga ibitekerezo bifatika/ bishoboka, naho abandi bagengwa ni inzozi zabo. Ibi rero birafasha iyo bari mw' ikipe imwe na bandi, ariko byaba bibi bakora bonyine, kuko bashobora kwibagirwa gutoza ibyiyumviro byabo no gutekereza bityaye. Kwigana iyo haramutse habuze kimwe muri byo rero bishobora kuba ingaruka zibyo yaciyemo ndetse ni igihombo cyangwa se kubura ubumenyi.

Ibitekerezo ni ingingo zigaragaza uwo uri we. Umugani ugira uti" uko umugabo atekereza ni nako ateye" bivuze ko tugenga ubuzima twifashishije ibyo dutekerezaho, bitari ibyo twifuza cyangwa dushaka. Icyo dutekerezaho none nicyo turibukore ejo. Iteka ibitekerezo bibimburira ibikorwa. Umuntu agirwa nibyo atekerezaho, ntabwo ari icyo akora akenshi. Amaherezo dukora ibyo duhora dutekerezaho. Imiterere y' umuntu cyangwa ahantu bikomoka ku myemerere tuba dufite ndetse niya sizwe na bacurabwenge. Ujye wibuka izi mvugo: Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere yacu, nuko kamere igena ejo hacu hazaza.

Kubimenya rero, tugomba kwitondera ibyo dusoma, ibyo tubona cyangwa twumva , ndetse na bantu twirirwana, naho ubundi ubuzima bw' ejo buri kumarembera.

INYUNGU

1. Uzishimira ubuzima bwawe . Nk' umuntu rero ufite amahirwe yo guhitamo uburyo uzaba muri za ndangagaciro ndetse na mahame uhitamo.
2. Uzisanzura mu buzima bwite hamwe no kwiyobora. Maze ni usuzuma ibitekerezo byawe uzaba wiyobora.
3. Ibitekerezo byawe bizaba bishingiye ku myumvire ityaye, ndetse uniyubakira ubuzima ku ndangagaciro.

Mu gihe uzaba utishimiye uburyo ubayeho cyangwa se ibisubizo wakuyemo, emera ko wabyiteye. Hindura imyumvire yawe wiyegereza imyumvire myiza. Ibyo twa tekerekezagaho byatugejeje aho turi none , kugira ngo ugera ahandi hantu, tugomba guhitamo ubundi buryo. Hari imvugo ya Ariberi Eyinisiteyini igira iti" ubusazi ni ugukora ikintu kimwe inshuro nyinshi ni uko witeze ibisubizo bitandukanye."

Ubwenge bwacu buteye nka mudasobwa kandi bugengwa hakurikijwe amahitamo yacu maze bugasubiza bukurikije ibyo wabuhitiyemo. Menya kandi ko imibereho yacu y'ejo iri mu mu biganza byacu, kuko tuzaba icyo twatekereje, twubaka umuco wacu iyo duhisemo guha agaciro bimwe ndetse tukanabikuza.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Hitamo neza , gira umwete wo guhindura. Ihutire kureba ibitekerezo byawe kurusha ibikorwa byawe; mbere ya buri gikorwa hari igitekerezo kihabimburira. Isoko y' ibikorwa byawe niwo mugenga w' ubuzima bwawe. Rero kuyobora ibyo ugaburira ubwenge/ intekerezo ni ukurinda isoko yabwo.

Inzira ni mikorere yo
GUTEKEREZA NEZA

2. Gira icyerekezo cy' ibyo wifuza cyangwa icyo wifuza kuba cyo. Iyo wibajije icyo ushaka , tumbira ahazaza hawe; maze wibwire uti :" ni nkomeza gutya amaherezo nzamera kuriya."

3. Gaburira ubwenge bwawe ubuhitiramo inyandiko nziza, kurikira Televiziyo hamwe n' ibindi bisakazamakuru bifite ibiganiro bya kubaka. Hitamo inshuti nziza. Ikirushijeho uzibuke gutoza abana bawe ikinyabupfura. Ubugome ni imico mibi bikomoka ku bitangazamakuru byita ku nyungu zabyo gusa maze urubyiruko rwacu rukononeka.

4. Itoze kuyobora intekerezo z' ubuzima bwa buri munsi. kuko zigira imbaraga zikaze kandi amaherezo wisanga wakoze icyo uhora utekereza. Ubwenge bwawe bufite ubushobozi bwo kurema icyiza cyangwa ikibi. Ubwenge nta kibazo bugira kuko bwakira icyo ubuhaye. Bityo rero ni uruhare rwawe kwibaza icyo ugiye kubugaburira.

Ijwi ry' ubwenge ni jwi ry' umubiri bigomba kugendana . Amagara y' ibitekerezo bwawe agomba gufatwa neza nkuko ufata neza ay' umubiri wawe.

Abantu benshi bita gusa amagara y' umubiri wabo ufite maze bakibagirwa umico na kamere yabo, umutima nama ndetse no gutekereza neza. Ni nayo mpamvu tubona / twumva hari abakozi ba siporo bagiriwe nabi ni biyobyabwenge, urumogi,inzoga, ubuhehesi.

Ntabwo bigufasha kugenga ahazaza hawe gusa; ahubwo bigushoboza guhitamo ibyo ugaburira ubwenge bwawe. Ugira ibitekerezo bizima iyo ufite ibikorwa byiza. Niba ushaka kugira ibisubizo bishya kandi byiza kubona icyo ushaka, bishoboka gusa ari uko uhinduye imyifatire yawe. Kandi kubiheraho ni uguhindura imyumvire yawe. Amahitamo yawe rero niyo agenga ahazaza hawe; Inshingano yo kwiyobora ni yawe

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba unyurwa ni ubuzima bwawe? Niba oya, ese ubona ko ari ibihe bitekerezo bigukumira?
2. Ese wakora iki, kugira ngo uhindure izo ntekerezo zigukumira maze wiyubakemo gutekereza neza?
3. Ese wakora iki, kugira ngo ukosore kubyo ugaburira ubwenge bwawe?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			